



Japan International
Cooperation Agency
(JICA)

RWANDA ECOPD NEWS

January 2012, Vol.8



Rwanda Demobilization and
Reintegration Commission
(RDRC)

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of
Ex-Combatants and Other People with Disabilities**
**Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze
ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo**

HELD 2nd JCC MEETING!

Inama mpuzabikorwa ya 2 yarateranye



Chairman declared opening (left) and Ex-trainees unfolded his story (below)

Umuyobozi yafunguye inama (ibumoso) n'abahuguwe mu myuga batanga ubuhamya (iburyo)

2nd JCC Meeting of ECOPD Project held on 25th January in Kigali, attended approximately 40 participants from related institutions. There, the results of the Project, good practice and lessons learned were presented, also 2 ex-trainees told their experiences in skills training and cooperative activities.

Inama ya 2 mpuzabikorwa y'umushinga ECOPD yateranye tariki ya 25 Mutarama 2012, yitabirwa n'abantu bagera kuri 40 baturutse mu nzego zikorana n'Umushinga. Muri iyo nama, hagaragajwe ibyagezweho n'umushinga, ibikorwa by'indashyikirwa hamwe n'amasomo twawigiyemo, ikindi kandi abahuguwe n'umushinga 2 bagaragaje ibyo bagezeho mu mahugurwa no mu bikorwa by'amakoperative.

Main results of ECOPD Project in fiscal year 2011: 620 Ex-combatants and Other People with Disabilities participated in skills training in 8 Skills Training Centers all over the country. To accelerate the participation in the skills training, barrier-free facilities were created not only by ECOPD Project but also by the initiative of Training Centers, based on the instruction of JICA short-term experts. As to job obtainment activities, by the end of December 2011, 121 ECOPD ex-trainee's groups have concrete plans to formulate cooperatives.

Finally, the annual ECOPD activity policy was discussed. Participants of 2nd JCC meeting were adopted unanimously 4 resolutions for pursuing efficiency, effectiveness of activities and sustainability of the result of ECOPD Project.

ECOPD Project still continues to promote the social participation of people with disabilities, the majority of which have suffered from vulnerability and have not had sufficient opportunity for job.

Iby'ingenzi byagezweho n'Umushinga ECOPD mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2011 :

Abantu 620 basezerewe mu ngabo n'abandi bafite ubumuga bigishirijwe mu bigo 8 by'amahugurwa biri mu gihugu hose. Kugirango habeho kwitabira amahugurwa byihuse, inzitizi zibangamira abafite ubumuga ntizavanyweho n'umushinga ECOPD gusa, ahubwo byanakozwe no ku bushake bw'ibigo by'amahugurwa, nyuma yo guhabwa inyigisho n'inzobere ikorera JICA. mu gihe gito. Ku byerekeye kwihangira imirimo, mu mpera z'Ukuboza 2011, abahuguwe n'umushinga ECOPD batanze imishinga y'amakoperative 121.

Hanyuma, umurongo ngenderwaho w'ibikorwa by'umushinga ECOPD mu mwaka wa 2012 waganiriweho. Abari mu nama mpuzabikorwa ya 2 bumvikanye ku myanzuro 4 igamije gukemura ibibazo hagamijwe gucunga neza umutungo, kwitabira ibikorwa bigamije kugera ku ntego hamwe n'umusaruro urambye uzaturuka ku mushinga ECOPD.

Umushinga ECOPD ukomeje gufasha abantu bafite ubumuga kwiteza imbere, abenshi muri bo bari bakennye cyane kandi ntibagize n'amahirwe ahagije yo kubona imirimo.

Resolutions in 2nd JCC Meeting:

- (1) Reinforce participation and collaboration among partners of ECOPD Project so as to ensure its sustainability from the grassroots level, meaning from local government.
- (2) Make participation with a skills training centre located in Eastern Province in order to extend the training course due to the big number of beneficiaries living in that area.
- (3) Do continual monitoring of ECOPD Project in order to help beneficiaries to support for themselves. So, technical and financial supports are needed.
- (4) More frequent meetings like quarterly basis among partners are needed for making follow-up and find solutions.

To materialize these resolutions, each institution shows their ownership and strengthen their involvement.

Imyanzuro y'Inama mpuzabikorwa ya 2 :

- (1) Guteza imbere uruhare rw'abafatanyabikorwa b'umushinga ECOPD hamwe n'imikoranire myiza hamwe na bo kugirango hazabeho uburambe bw'ibikorwa bituruka ku mushinga, ibyo bigahera mu nzego z'ibanze.
- (2) Gufatanya n'ikigo cy'amahugurwa gihereye mu Ntara y'Iburasirazuba kugirango abagenerwabikorwa benshi bari muri iyo Ntara bazahabwe amahugurwa.
- (3) Gukurikirana mu buryo buhoraho ibikorwa by'umushinga ECOPD kugirango abagenerwabikorwa bawo bazafashwe kwibeshaho. Bityo rero, inkunga y'ibikorwa n'iy'amafaranga zirakenewe.
- (4) Inama nyinshi z'abafatanyabikorwa zaba rimwe mu gihembwe kugirango bakurikirane ibikorwa kandi bakemure n'ibibazo.

Kugirango iyo myanzuro izashyirwe mu bikorwa, buri rwego bireba rusabwa kubigiramo uruhare.

Introduction of JCC Members Abagize Komite Mpuzabikorwa (JCC)

JCC (Joint Coordinating Committee) is a committee to ensure the smooth operation of the Project. The committee consists of the related organizations such as RDRC, JICA, skills training centers, MINEDUC/WDA, MINALOC, Disabled People Organizations and so on. In this second JCC, the members agreed that "The ECOPD Project is for people in

Rwanda. We, Rwandese will take more strong ownership to implement the ECOPD Project.” The ECOPD project adopt “Ownership” as a key word of implementation in this year. Let’s introduce JCC member with some photos.

JCC (Komite Mpuzabikorwa) ni Komite igamije gukurikirana ibikorwa by’Umushinga kugirango bigende neza. Igizwe n’inzego zifite uruhare mu mushinga ari zo RDRC, JICA, Ibigo byigisha imyuga, MINEDUC/WDA, MINALOC, Imiryango y’abafite ubumuga n’iyindi. Mu nama ya kabiri ya JCC, abayijemo bemeje ko “Umushinga ECOPD ari uw’abanyarwanda”. Twabwira Abanyarwanda tuzarushaho kuwugira uwacu tuwushyira mu bikorwa. Abafatanyabikorwa b’umushinga ECOPD bemeje “Kuwugira uwabo” nk’ijambo ry’ibanze rigamije kuwushyira mu bikorwa muri uyu mwaka. Twerekane abagize JCC ku mafoto akurikira :

Project Staff Abakozi b’Umushinga



5 staffs (2 Japanese and 3 Rwandese) are working full-time in the project office.
Abakozi 5 (Abayapani 2 n’Abanyarwanda 3) ni abakozi bahoraho ku biro by’umushinga.

Project Director Umuyobozi w’Umushinga

RDRC applied ECOPD Project to Japanese government as representative of Government of Rwanda. RDRC bear overall responsibility for the administration and implementation of the Project in collaboration with MINALOC. MINALOC is in charge of support for vulnerable groups like a people with disabilities and ex-combatants.

RDRC yashyikirije Leta y’Ubuyapani Umushinga ECOPD nk’urwego ruhagarariye Leta y’u Rwanda. RDRC ifite inshingano yo kuyobora no gushyira mu bikorwa Umushinga ifatanyije na MINALOC. MINALOC ishinzwe gufasha abatishoboye nk’abantu bafite ubumuga n’abasezerewe mu ngabo.

RDRC (Support for Ex-Combatants)

RDRC ifasha Abasezerewe mu ngabo

President of RDRC
Perezida wa RDRC



MINALOC, Department of CD & SA

(Support for vulnerable group)

ifasha abatishoboye

Director General in charge of

social affairs in MINALOC

Umuyobozi Mukuru ushinzwe

imibereho myiza y’abaturage muri MINALOC



ECOPD NEWS January 2012

Project Supervisor Umugenzuzi w'Umushinga

WDA/MINEDUC is in charge of skills training. WDA (Workforce Development Authority) provides institutional advice and support to the implementation of ECOPD Project regarding skills training.

WDA/MINEDUC ishinzwe amahugurwa y'imyuga. WDA (Ikigo gishinzwe iterambere ry'imyuga) iha inama ibigo byigisha imyuga ikanafasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'Umushinga ECOPD ku bijyanye n'amahugurwa y'imyuga.

MINEDUC/WDA (Support for skills training)
ifasha mu gutanga amahugurwa y'imyuga

Director General of WDA Umuyobozi Mukuru wa WDA



Other JCC Member Abandi bagize JCC

Skills training centers also are very important JCC members. It is essential for us to communicate and exchange information with them because they know on actual situation of daily activities of ECOPD trainees. We need to collaborate also with various organizations like a local government authority, organizations on employment affairs, disabled people organizations and so on. Of course, JICA Rwanda office also is JCC member to provide necessary recommendations and advice regarding to the implementation of the project.

Ibigo byigisha imyuga na byo ni ingenzi cyane mu bagize JCC. Ni ngombwa cyane kuri twe guhana amakuru na byo kuko bimenya imiterere ya buri muni y'ibikorwa by'abahugurwa na ECOPD. Dukeneye gufatanya n'inzego zinyuranye nk'inzego z'ibanze, imiryango yita ku bibazo by'umurimo, imiryango yita ku bafite ubumuga n'iyindi. JICA RWANDA na yo iri mu bagize JCC, itanga impanuro n'inama ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga.

Skills Training Center
Ikigo cyigisha imyuga

President of AGHR/Umuyobozi wa AGHR



JICA Rwanda Office

Ibiro bya JICA Rwanda



Chief Representative(right) and Officer(left) of JICA Rwanda
Umuyobozi (iburyo) n'Umukozi (ibumoso) ba JICA Rwanda

-Local Government

-Disabled affairs Organizations

-Inzego z'ibanze

-Imiryango yita ku bafite

ubumuga

President of NCPD/Umuyobozi wa NCPD



ECOPD NEWS January 2012

SUCCESS STORY OF EX-TRAINEES UBUHAMYA BW'ABANYESHURI BARANGIJE KWIGA

**Famous restaurant which is running by ex-trainees of ECOPD Project ~Kageyo, Gicumbi~
Resitora ikomeye ikorwamo n'abahuguwe n'umushinga ECOPD. Ikorera I Kageyo mu Karere ka Gicumbi.**



We introduce a restaurant which is running by the ex-trainees of the ECOPD Project. They just have finished the training at VTC Kibali in October, 2011. The left photo is member of cooking cooperative at town of Kageyo Sector, Gicumbi District. They are very close like a family irrespective of different gender, age and disability. They said the secret point of success is `Thinking Together` when they find some difficulty.

Another good point is they provide favorite food that community people like. For example, many customers are young men, therefore the restaurant prepares big volume and reasonable menu like a potato, rice and beans. The young men of right photo changed the restaurant to take a lunch because the service of this restaurant is better than other ones. Now, they plan to extend the space of restaurant due to Increase of customers. We, the ECOPD Project member are encouraged by the ex-trainees who are making efforts to develop their cooperatives.

Twashinze resitora ikorwamo n'abahuguwe n'umushinga ECOPD. Barangije amahugurwa muri VTC Kibali mu Kwakira 2011. Ifoto iri ibumoso irekana abanyamuryango ba koperative yo guteka ikorera mu muji uri mu Murenge wa Kageyo mu Karere ka Gicumbi. Bunze ubumwe nk'abakomoka mu muryango umwe nta vangura rishingiye ku gitsina, imyaka n'ubumuga. Bavuga ko ibanga ryo gukora neza ari "Ugushakira hamwe" umuti w'ibibazo bahura na byo. Ikindi cyiza ni uko bategurira abaturage ifunguro bakunda. Urugero : abakiriya benshi ni abasore n'inkumi, ni yo mpamvu resitora itegura amafunguro menshi agizwe n'ibirayi, umuceri n'ibishyimbo. Abasore bagaragara ku ifoto y'iburyo bahisemo kurira saa sita muri iyo resitora bitewe n'uko yakira abakiriya neza ugereranyije n'ahandi . Ubu barateganya kwagura resitora bitewe n'uko abakiriya biyongera. Twebwe, abakozi b'umushinga ECOPD dushishikazwa no kubona abahuguwe bashyira ingufu mu guteza imbere amakoperative yabo.



VOICE of Volunteers IJWI ry'abakorera bushake - Message from JOCV - - Ubutumwa bwa JOCV -

Vol. 6: Mr. Michihide ITO, Nyanza Technical School (Electricity/Electronics)

Bwana Michihide ITO, Ishuri ry'Imyuga rya Nyanza (Amashanyarazi/Elegitoroniki)

Hello. I am Michihide Ito, the teacher of Electronic communication in the Nyanza Technical School which takes time 90 minutes by car from Kigali.

I visited the training course of Electricity/Electronics, AGHR at Kicukiro District which is implemented by the ECOPD Project because I am interested in it as specialist of Electricity/Electronics. I was surprised because there are the great varieties of tools/equipments for practical. I understood this training center has real purpose for trainees to gain useful skills to obtain a job. The electronics industry is still developing in Rwanda otherwise the saturation level of mobile phone is very high. Some people have two mobile phones. Therefore, the business of mobile phone repairing would be good market.

I would be happy if the trainees of the ECOPD Project would become good technicians in future.

In my school, I am in charge of practical session of electronics with Rwandan teachers. The main content of school is theory to pass examination for college and university. However, I hope my students enjoy study Electronics subject through the practical session.



Muraho. Nitwa Michihide Ito, umwarimu w'itumanaho rya elegitoroniki mu Ishuri ry'imyuga rya Nyanza aho ukoresha iminota 90 kugirango uhagere uturutse i Kigali. Nasuye ikigo cya AGHR mu Karere ka Kicukiro ahabera amahugurwa ku mashanyarazi na elegitoroniki akorwa n'umushinga ECOPD kuko anshimisha nk'impuguke mu by'amashanyarazi na elegitoroniki. Natangajwe no kuhabona ibikoresho bikomeye binyuranye by'imyuga. Numvise ko iki kigo gifite intego yo guha abanyeshuri ubumenyi bw'ingirakamaro kugirango bazabashe kwihangira umurimo. Inganda za elegitoroniki ziratera imbere mu Rwanda aho usanga telefoni zigandanwa zarabaye nyinshi cyane. Abantu bamwe bafite telefoni zigandanwa ebyiri. Ni yo mpamvu, ubucuruzi bwo gukora telefoni bubona abakiriya bahagije. Nashimishwa n'uko abanyeshuri b'Umushinga ECOPD bavamo abatekinisiye beza mu gihe kizaza. Mu ishuri nigishamo, nshinzwe isomo ryo kumenyereza abanyeshuri umwuga wa elegitoroniki mfatanyije n'abarimu b'abanyarwanda. Ibyigwa by'ingenzi muri iryo shuri bibafasha kuzakora ikizamini cyo kwinjira mu mashuri yisumbuye na kaminuza. Nyamara rero, nizera ko abanyeshuri banjye bakunda kwiga elegitoroniki bitewe n'iryo somo ryo kwimenyereza umwuga.